


# IGIHIMBANO CYO KWIZIHIZA UMUNSI W'IVUKA RY'INTUMWA Y'IMANA

KWEGEREZA ISLAM UMURYANGO

# IGIHIMBANO CYO KWIZIHIZA UMUNSI W'IVUKA RY'INTUMWA Y'IMANA

**Sheikh Swaleh Al-Fawzan (Allah amurinde), yaravuze ati:**

Mu by'ukuri mu byo abantu bahimbye bibi harimo ukwizihiza bibuka ivuka ry'Intumwa y'Imana biba mu kwezi kwa Rabii-unil Awwal (ukwezi kwa 3), n'abakora iki gihimbano muri uku kwizihiza uyu munsi barimo ibice:

- Muri bo hari abawugira umunsi w'umuhuro gusa usomerwamo inkuru y'ivuka ry'Intumwa, cyangwa hagatangwa mo inyigisho mbwirwa ruhame, cyangwa imivugo ijyanye n'uyu munsi.
- No muri bo hari abategura amafunguro, n'ibindi bintu biryoshye (nka cake) n'ibindi nkibyo bakabizimanira abitabiriye.
- No muri bo hari abizihiza uyu munsi mu misigiti.
- Hari n'abawizihiza mu ngo.
- Hari n'abatagarukira kuri ibyo gusa, bagafata uyu muhuro bakawuhurizamo ibizira, n'ibibi nko kwivanga kw'abagore n'abagabo, kubyina, kuririmba, cyangwa ibikorwa byo kwishingikiriza Intumwa y'Imana Muhammad (Allah ayitake mu bamalayika anayihundagazeho amahoro), bayihamagara, bayitabaza ngo ibatere inkunga ku banzi babo n'ibindi bitari ibyo.

N'ibi mu moko yabyo yose, imimerere yabyo uko yaba imeze kose, n'imigambi y'ababikoze (uko yaba imeze kose) nta gushidikanya ko ari ibihimbano, bitemewe mu idini, byahimbwe nyuma y'ibinyejana hashize igihe kinini cyane.

[wabisanga mu nyandiko: حكم الاحتفال بذكرى المولد النبوي للشيخ صالح الفوزان]

# IGIHIMBANO CYO KWIZIHIZA UMUNSI W'IVUKA RY'INTUMWA Y'IMANA

**Sheikhul Islam Ibun Taymiyat (Allah amugirire impuhwe), yaravuze ati:**

**Ingingo (ivuga):** kuri babandi bakora igikorwa cyo gusoza Qur'aan (Khit'mat) mu ijoro ry'umunsi w'ivuka ry'Intumwa (Muhammad) buri mwaka, ese ibyo birashimishije (mu idini) cyangwa ntabwo bishimishije?

**Igisubizo:** Ishimwe n'ikuzo ni ibya Allah.
Guhuriza abantu ku ifunguro mu minsi mikuru ngaruka mwaka (ilaydi ebyiri), no mu minsi itatu yo kumutsa, ni umugenzo w'Intumwa y'Imana Muhammad (Allah ayitake mu bamalayika anayihundagazeho amahoro), biri no mu birango by'ubusilamu Intumwa y'Imana Muhammad (Allah ayitake mu bamalayika anayihundagazeho amahoro), yashyiriyeho abasilamu, no gufasha abatishoboye ubaha amafunguro mu kwezi kwa Ramadhan biri mu migenzo y'ubusilamu, Intumwa y'Imana (Allah ayitake mu bamalayika anayihundagazeho amahoro), yaravuze iti: "Uzaha umuntu wasibye ifunguro ryo gusiburuka, azabona ibihembo nk'ibye." nanone kandi guha abatishoboye b'abasomyi ba Qur'aan ibyo bifashisha bari gusoma Qur'aan ni igikorwa gitunganye igihe cyose, n'uwabateye inkunga kuri ibyo afatanya nabo mu kubona ibihembo.
Naho gushyiraho igihe cyihariye cyitari mu bihe byagenwe n'idini, nk'amwe mu majoro yo mu kwezi kwa Rabii-unil Awwal bivugwa ko ari ijoro Intumwa yavutseho, cyangwa amwe mu majoro y'ukwezi kwa Rajabu, cyangwa umunsi wa munani mu kwezi kwa Shawwaal injiji zita umunsi mukuru ngarukamwaka w'intungane, ibi byose biri mu bihimbano abatubanjirije beza batigeze bavuga ko bishimishije mu idini, nta n'ubwo babikoze. Allah Nyirubutagatifu niwe uzi kurusha abandi. [wabisanga mu gitabo: الفتاوى الكبرى]

## IGIHIMBANO CYO KWIZIHIZA UMUNSI W'IVUKA RY'INTUMWA Y'IMANA

**Sheikhul Islam Ibun Taymiyat (Allah amugirire impuhwe), yaravuze ati:**

Mu by'ukuri ibi ntabwo abatubanjirije beza bigeze babikora, hamwe no kuba impamvu yatuma bikorwa yari ihari, ndetse no kuba (icyo gihe) nta mpamvu yabibuza yari ihari.

N'iyo biza kuba byiza burundu, cyangwa kubikora bikaba bifite ingufu, abatubanjirije beza (Allah abishimire) nibo bari kuba bakwiye kubikora kuturusha, kubera ko aribo bakundaga Intumwa y'Imana (Allah ayitake mu bamalayika anayihundagazeho amahoro) kurusha abandi, bakanayiha agaciro kuturusha, ni nabo baharaniraga ibyiza kuturusha.

Ahubwo urukundo rwuzuye rw'Intumwa no kuyiha agaciro by'uzuye, biri mu kuyikurikira, kuyumvira, gukurikira itegeko ryayo, kuzura imigenzo yayo (yibagiranye), haba mu byihishe cyangwa ibigaragara, gusakaza ibyo yatumwe, ndetse no guharanira ibyo; haba ku mutima, ku kuboko, no kururimi.

Kubera ko iyi nzira niyo y'abatubanjirije ba mbere mu bimukira bavuye i Maka, n'ababakiriye i Madina, n'ababakurikiye mu byiza. [wabisanga mu gitabo: اقتضاء الصراط المستقيم]

# IGIHIMBANO CYO KWIZIHIZA UMUNSI W'IVUKA RY'INTUMWA Y'IMANA

**Al-Imam Al-Faakihaaniyy (Allah amugirire impuhwe) yaravuze ati:**

**Ibibazo by'abantu b'abanyamugisha byakomeje kugaruka ku bijyanye n'imihuro ikorwa na bamwe mu bantu mu kwezi kwa Rabii-unil Awwal, bakabyita umunsi w'ivuka ry'Intumwa (Maw'lidi): ese byaba bifite inkomoko (gihamya) mu idini cyangwa ni igihimbano mu idini?**

Ndavuga nti Allah niwe utera abantu inkunga yo kuyoboka: Ntabwo nzi inkomoko (gihamya) y'uyu munsi w'ivuka ry'Intumwa (Maw'lidi) muri Qur'aan no mu migenzo y'Intumwa (Sunnat), nta nubwo kuwizihiza byakuwe ku mumenyi n'umwe mu bamenyi b'uyu muryango (Ummat), ba bamenyi b'imbonera (bagenderwaho) mu idini, ba bandi bashikamye ku byasizwe n'abatubanjirije, ahubwo ni igihimbano cyahimbwe n'abantu badafite umumaro mu idini, giturutse no ku irari ry'umutima ry'abakunda kurya cyane...

**yarakokomeje kuvuga kuri ibi, kugeza ubwo yavuza ati:** iki ntabwo idini ryagitangiye uburenganzira bwo kugikora, nta nubwo abasangirangendo b'Intumwa bagikoze n'ababakurikiye, yewe n'abamenyi bari ku idini ubwabo ntibigeze bagikora.

Icyi nicyo gisubizo cyanjye nzasubiza imbere ya Allah (Nyirubutagatifu) ninkibazwaho. Nta nubwo byemewe ko uyu munsi uzirurwa mu idini, kubera ko igihimbano mu idini nti kijya cyizirurwa nk'uko abamenyi bose babyemeranyijweho.

[wabisanga mu gitabo: المورد في عمل المولد]

## IGIHIMBANO CYO KWIZIHIZA UMUNSI W’IVUKA RY’INTUMWA Y’IMANA

**Sheikh Swaleh Al-Fawzan (Allah amurinde) baramubajije bati: ese biremewe kurya inyama zabazwe kubera kwizihiza umunsi w'ivuka ry'Intumwa y’Imana (Allah ayitake mu bamalayika anayihundagazeho amahoro)?**

**Arasubiza ati:** Hoya. Iki ni igihimbano, uyu ni umunsi mukuru ngaruka mwaka w’igihimabano mu idini, na buri icyabazwe kubera umunsi mukuru w’igihimbano cyose ni ikizira, ndetse n’amafunguro ategurwa kuri uwo munsi ni ikizira, kubera ko ibyo byose ntabwo biba byakozwe uretse kubwo kugarura igihimbano, no guha agaciro igihimbano, ntabwo byemewe kwifatanya n'abo, kurya ku mafunguro yabo, ndetse no kubyo babaze kuri uyu munsi, kubera ko aha harimo ukubatera ingabo mu bitugu, kubafasha muri icyo gihimbano, no kubereka ko wabemereye ibyo bihimbano byabo.



# IGIHIMBANO CYO KWIZIHIZA UMUNSI W'IVUKA RY'INTUMWA Y'IMANA

## GUSUBIZA URUJIJO RW'ABAZIRURA KWIZIHIZA UMUNSI W'IVUKA RY'INTUMWA:

## (1)

**Sheikh Swaleh Al-Fawzan (Allah amurinde), yaravuze ati:**

**1- Bitwaza ko kwizihiza uyu munsi ari uguha agaciro Intumwa y'Imana (Allah ayitake mu bamalayika anayihundagazeho amahoro).**

**Igisubizo kuri ibi ni uko twavuga duti:** Ahubwo guha agaciro Intumwa y'Imana (Allah ayitake mu bamalayika anayihundagazeho amahoro), binyura mu kuyumvira, gushyira mu bikorwa amategeko yayo, kwirinda ibyo yabujijje, no kuyikunda (Allah ayitake mu bamalayika anayihundagazeho amahoro), ntabwo guha agaciro Intumwa binyura mu bihimbano, ibidafite umumaro, ibyaha, no gukora ibirori byo kwibuka ivuka ry'Intumwa y'Imana muri ubu buryo bunengwa (mu idini), kubera ko ari icyaha.
N'abantu baha agaciro Intumwa y'Imana (Allah ayitake mu bamalayika anayihundagazeho amahoro) kurusha abandi, ni abasangirangendo bayo (Allah abishimire), nkuko Ur'wa mwene Mas'uud yabwiye abaquraishi ati: "Yemwe bantu! Ndahiye Allah nagiye kwa Kis'raa, Qai'swar, n'abandi bami, sinigeze mbona umwami abasangirangendo be bamuha agaciro nk'uko abasangirangendo ba Muhammad baha agaciro Muhammad (Allah amutake mu bamalayika anamuhundagazeho amahoro), ndahiye Allah ntabwo bajya bamuhanga amaso kubwo kumuha agaciro." hamwe n'uku guha Intumwa y'Imana agaciro, ntabwo bigeze bafata umunsi yavukiyeho ngo bawugire umunsi mukuru ngaruka mwaka cyangwa uw'ibirori, niyo biza kuba mu idini ntibari kubireka.

# IGIHIMBANO CYO KWIZIHIZA UMUNSI W'IVUKA RY'INTUMWA Y'IMANA

## GUSUBIZA URUJIJO RW'ABAZIRURA KWIZIHIZA UMUNSI W'IVUKA RY'INTUMWA:
## (2/A)

**Sheikh Swaleh Al-Fawzan (Allah amurinde), yaravuze ati:**

**2- Kwitwaza ko iki gikorwa gikorwa n'abantu benshi mu bihugu byinshi:**

**Igisubizo kuri ibi ni uko twavuga duti:** Urwitwazo ruturuka mu byemejwe ku Ntumwa y'Imana (Allah ayitake mu bamalayika anayihundagazeho amahoro).

Kandi ibyemejwe ku Ntumwa y'Imana (Allah ayitake mu bamalayika anayihundagazeho amahoro), ni ukubuza ibihimbano muri rusange, n'iki ni kimwe mu bihimbano.

N'ibikorwa n'abantu iyo binyuranye na gihamya ntabwo biba ari urwitwazo (gihamya) n'ubwo baba benshi, (Allah yaravuze ati): "Nuramuka wumviye benshi mu batuye isi bazakuyobya uve ku nzira ya Allah." [Surat Al-An'aam: 116], hamwe no kuba muri buri gihe hari abanga iki gihimbano bakanagaragaza uburyo ari ikinyoma (Ishimwe n'ikuzo bikwiye Allah), nta rwitwazo rw'ibikorwa by'abakomeje kuzura iki gihimbano nyuma yo kugaragarirwa n'ukuri.

## IGIHIMBANO CYO KWIZIHIZA UMUNSI W'IVUKA RY'INTUMWA Y'IMANA

### GUSUBIZA URUJIJO RW'ABAZIRURA KWIZIHIZA UMUNSI W'IVUKA RY'INTUMWA:

### (2/B)

**Mu bamaganye kwizihiza iki gihimbano kubera ivuka ry'Intumwa harimo:**

1. Shikhul Islam Ibun Taymiyat mu gitabo cye: "Iq'tidwaa-u Swiraatul Mus'taqiim"
2. Imam Shatwibiy mu gitabo: "Al-i'itiswaam"
3. Ibun Al-haaj mu gitabo: "Al-Mad'khal"
4. Sheikh Taajuddiin Alliy mwene Lakh'miy nawe yanditse igitabo cyihariye yamagana iki gihimbano.
5. Sheikh Muhammad Bashiir Al-Ssah'suwaaniy Al-Hin'diy mu gitabo cye: "Swiyaanat Al-in'saan"
6. Sayyid Muhammad Rashiid Ridwaa, yanditse agatabo kihariye muri ibi.
7. Sheikh Muhammad mwene Ibrahim Aal Sheikh nawe yanditse agatabo kihariye muri ibi.
8. Nyakubahwa Sheikh Abdul Aziiz bin Baaz.

N'abandi batari aba, mu bagikomeje kwandika bamagana iki gihimbano buri mwaka mu binyamakuru, buri gihe haba habaye iki gihimbano.

# IGIHIMBANO CYO KWIZIHIZA UMUNSI W'IVUKA RY'INTUMWA Y'IMANA

## GUSUBIZA URUJIJO RW'ABAZIRURA KWIZIHIZA UMUNSI W'IVUKA RY'INTUMWA:

## (3-4)

**Sheikh Swaleh Al-Fawzan (Allah amurinde), yaravuze ati:**

**3- Bavuga ko kwizihiza umunsi w'ivuka ry'Intumwa ari ukuzura kwibuka Intumwa y'Imana (Allah ayitake mu bamalayika anayihundagazeho amahoro):**

**Igisubizo kuri ibyo ni uko twavuga duti:** Kuzura ukwibuka Intumwa y'Imana (Allah ayitake mu bamalayika anayihundagazeho amahoro), binyura mu byo Allah yagennye mu idini, harimo kuyibuka mu muhamagaro w'iswala (Adhana), mu muhamagaro wo gutangiza iswala (Iqaama), mu nyigisho mbwirwa ruhame (Khutba), mu iswala, mu buhamya (Attashahud), mu kuyisabira, gusoma imvugo zayo, no gukurikira ibyo yazanye, kandi ibi byose bihoraho buri manywa na nijoro igihe cyose, ntabwo ari inshuro imwe mu mwaka.

**4- Hari ubwo bashobora kuvuga bati: Ukwizihiza bibuka ivuka ry'Intumwa byashyizweho n'umwami w'umunyabutabera w'umumenyi, agamije kwiyegereza Imana!**

**Igisubizo kuri ibyo ni uko twavuga duti:** igihimbano nticyemerwa k'uwo ari we wese, no kugira umugambi mwiza ntabwo bitanga uburenganzira bwo gukora ibibi, no kuba ari umumenyi ugira ubutabera ntibisobanuye ko ari umutagatifu.

# IGIHIMBANO CYO KWIZIHIZA UMUNSI W'IVUKA RY'INTUMWA Y'IMANA

## GUSUBIZA URUJIJO RW'ABAZIRURA KWIZIHIZA UMUNSI W'IVUKA RY'INTUMWA:
## (5)

**Sheikh Swaleh Al-Fawzan (Allah amurinde), yaravuze ati:**

**5- Kuvuga ko kwizihiza umunsi w'ivuka ry'Intumwa, biri mu rwego rw'igihimbano cyiza; kubera ko bigaragaza ugushimira Imana mu kuba hari Intumwa y'icyubahiro!**

**Twabasubiza ibyo tugira duti:** Ntabwo mu bihimbano habamo ikintu cyiza, Intumwa y'Imana (Allah ayitake mu bamalayika anayihundagazeho amahoro), yaravuze iti: "Uzazana ikintu gishya muri iri dini ryacu kidasanzwemo, kizasubizwayo (ntikizemerwa).

**Nanone babazwa ngo:** Ni ukubera iki uku gushima Allah (nk'uko mubivuga) byatinze kugeza mu mpera z'ikinyejana cya gatandatu, ntibyakorwa n'ibinyejana byiza kurusha ibindi mu basangirangendo b'Intumwa, ababakurikiye, n'abakurikiye abakurikiye abasangirangendo, kandi abo nibo bakunda Intumwa y'Imana (Allah ayitake mu bamalayika anayihundagazeho amahoro) kurusha abandi, baharaniraga gukora ibyiza no gushimira Allah kurusha abandi.

Ese abazanye igihimbano cyo kwizihiza umunsi w'ivuka ry'Intumwa baba aribo bayobotse, bakaba ari nabo bashimira Allah kubarusha!?
Hoya rwose ibi ntibishoboka.

# IGIHIMBANO CYO KWIZIHIZA UMUNSI W'IVUKA RY'INTUMWA Y'IMANA

## GUSUBIZA URUJIJO RW'ABAZIRURA KWIZIHIZA UMUNSI W'IVUKA RY'INTUMWA:
## (6/A)

**Sheikh Swaleh Al-Fawzan (Allah amurinde), yaravuze ati:**

**6- Hari ubwo bashobora kuvuga bati: mu by'ukuri bizihiza uyu munsi bibuka ivuka ry'Intumwa y'Imana (Allah ayitake mu bamalayika anayihundagazeho amahoro), byerekana urukundo bakunda Intumwa y'Imana (Allah ayitake mu bamalayika anayihundagazeho amahoro), mu by'ukuri ibi ni bimwe mu bibigaragaza, no kugaragaza urukundo ukunda Intumwa y'Imana (Allah ayitake mu bamalayika anayihundagazeho amahoro), biri mu idini.**

**Igisubizo kuri ibyo ni uko twavuga duti:** nta gushidikanya ko gukunda Intumwa y'Imana (Allah ayitake mu bamalayika anayihundagazeho amahoro) ari itegeko kuri buri musilamu kuruta uko yikunda, uko akunda umwana we, umubyeyi, n'uko akunda abantu bose, (ncunguye ababyeyi bange kubw'Intumwa y'Imana ugutaka kwa Allah mu bamalayika n'amahoro ye bibe biyibeho), ariko nanone ibi (uko kuyikunda) ntibisobanuye ko twemerewe guhimba mu idini icyo Intumwa y'Imana itadushyiriyeho, ahubwo urukundo tuyikunda rutuma tuyumvira tukanayikurikira, kubera ko ibyo aribyo bigaragaza urukundo tumukunda, nk'uko byavuzwe (na Imam Shaafiiy): "Iyo urukundo rwawe ruba ukuri wari kumwumvira, kubera ko mu by'ukuri umukunzi yumvira uwo akunda."

## IGIHIMBANO CYO KWIZIHIZA UMUNSI W'IVUKA RY'INTUMWA Y'IMANA

### GUSUBIZA URUJIJO RW'ABAZIRURA KWIZIHIZA UMUNSI W'IVUKA RY'INTUMWA:
### (6/B)

Gukunda Intumwa y'Imana (Allah ayitake mu bamalayika anayihundagazeho amahoro), bituma tugarura imigenzo yayo yibagiranye, tukanayishikamaho n'amenyo y'ibijigo, tukirinda ibinyuranye nayo haba mu mvugo no mu bikorwa.

Nta no gushidikanya ko buri ikinyuranye n'imigenzo yayo ari igihimbano kinengwa, kikaba n'icyaha cyeruye, no muri ibyo bihimbano harimo; kwizihiza wibuka ivuka ry'Intumwa, n'ibindi bihimbano.

No kuba umuntu afite umugambi mwiza ntibimuzirurira guhimba mu idini, kubera ko idini ry'ubakiye ku misingi ibiri:

1. Kwereza igikorwa Allah (gukora kubera Allah).
2. No gukora wigana uko Intumwa y'Imana yakoze.

Allah yaravuze ati: "Niko biri, uweguriye uburanga bwe Allah akanakora ibyiza, azabona igihembo cye kwa Nyagasani we, kandi nta bwoba nta n'agahinda bazagira."

Kwegurira uburanga Allah ni ukwereza igikorwa Allah, no kugukora ibyiza ni ugukora wigana uko Intumwa y'Imana yakoze, unahuza n'imigenzo yayo.

[wabisanga mu nyandiko: حكم الاحتفال بذكرى المولد النبوي للشيخ صالح الفوزان]